# ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RYO GUKORA AMATEGEKO AGENGA ADARWA COOPERATIVE

**ADARWA COOPERATIVE** (Coopérative d'action pour le Développement de l'Artisanat au Rwanda) ni Cooperative igamije guteza imbere imirimo y'ububaji,ubukorikori n'ibindi bigendanye nabyo mu Rwanda. Ikaba ifite icyicaro mu Kagali ka Musezero, Umurenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

**ADARWA COOPERATIVE** irahamagarira ba Rwiyemezamirimo gupiganira Isoko ryo gukora amategeko ya Koperative mu rwego rwo kuyajyanisha n'**ITEGEKO rishya N° 057/2024** ryo ku wa **20/06/2024** rigenga amakoperative, ryasimbuye **ITEGEKO N° 024/2021** ryo ku wa **27/04/2021**. Ayo masoko ni:

- **Gukora Igitabo cy'Amategeko shingiro (Status);**
- **Gukora Igitabo cy'Amategeko y'Umwihariko (Reglement d'ordre interieur);**
- **Gukora Igitabo cy'Amategeko Ngengamikorere na Ncungamutungo" (Le Manuel des Procédures de Gestion Administrative et Financière).**

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka mu biro by'ubunyamabanga bwa ADARWA COOPERATIVE uhereye ku itariki iri tangazo ryasohokeye mu kinyamakuru. Icyo gitabo ugihabwa umaze kwishyura amafaranga y'U Rwanda ibihumbi icumi **(10. 000 Frw)** adasubizwa kuri konti **N° 593412510810136** ya **ADARWA COOPERATIVE** iri muri Banki y'abaturage (BPR Bank).

Ibitabo by'ipiganwa bigomba kuba byanditse neza ari ibitabo bitatu (3), kimwe ari umwimerere ibindi ari kopi.

ADARWA COOPERATIVE ikaba isaba ba Rwiyemezamirimo na Company kuzaza bitwaje ibiciro byo gukora ibitabo by'amategeko (Financial proposal) n'uburyo buboneye buzakoreshwa na Rwiyemezamirimo mu guhuza ibikenewe (Technical proposal), bakabishyikiriza abagize akanama k'amasoko muri ADARWA COOPERATIVE ku itariki ya **17/03/2026** saa yine za mu gitondo **(10h00).**

Gufungura ibiciro byatanzwe ni kuri uwo munsi saa yine n'iminota itanu **(10h05')** mu cyumba cy'inama cya ADARWA Cooperative.

Bikorewe Gisozi, kuwa 02/03/2026.

ACTIONS POUR LE DEVELOPPEMENT DE L'ARTISANAT AU RWANDA A.D.A.RWA COOPERATIVE

**UWIMANA Venantie**

**PEREZIDA WA ADARWA COOPERATIVE**

P.O. Box 4821 Kigali – Rwanda | **Phone**: +250 786453346 | **Location**: Gisozi - Gasabo, KG 33 Ave | **TIN No.**: 101401857 | **E-mail**: adarwacoopera@gmail.com

Scanned with CamScanner